

ITEKA RYA PEREZIDA N° 38/01 RYO KU WA 22/02/2017 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE Y'ABAKOZI B'URWEGO RW'UBUGENZUZI BUKURU BW'IMARI YA LETA

PRESIDENTIAL ORDER N° 38/01 OF 22/02/2017 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTES GOVERNING EMPLOYEES OF THE OFFICE OF THE AUDITOR GENERAL OF STATE FINANCES

ARRETE PRESIDENTIEL N°38/01 DU 22/02/2017 PORTANT STATUT PARTICULIER DU PERSONNEL DE L'OFFICE DE L'AUDITEUR GENERAL DES FINANCES DE L'ETAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'ijambo "Urwego"

Article 2: Definition of the term "Office"

Article 2: Définition du terme « Office »

UMUTWE WA II: GUSHAKA ABAKOZI, KUBASHYIRA MU MYANYA N'IGIHE CY'IGERAGEZWA

CHAPTER II: RECRUITMENT, APPOINTMENT AND PROBATION PERIOD

CHAPITRE II: RECRUTEMENT, NOMINATION ET STAGE PROBATOIRE

Ingingo ya 3: Ibigenderwaho mu gushaka abakozi

Article 3: Conditions for recruitment

Article 3: Conditions de recrutement

Ingingo ya 4: Uburyo bwo gushaka abakozi no kubashyira mu myanya

Article 4: Recruitment and appointment procedures

Article 4: Modalités de recrutement et affectation

Ingingo ya 5: Igihe igeregezwa rimara

Article 5: Duration of the probation period

Article 5: Durée du stage probatoire

UMUTWE WA III: UKO UMUKOZI W'URWEGO AGENGWA N'IYI SITATI

CHAPTER III: STATUTORY POSITIONS OF AN EMPLOYEE OF THE OFFICE

CHAPITRE III: POSITIONS STATUTAIRES D'UN AGENT DE L'OFFICE

Ingingo ya 6: Igihe umukozi w'Urwego agengwa n'iyi sitati

Ingingo ya 7: Umukozi w'Urwego uri mu kazi

Ingingo ya 8: Ubwoko bw'ibiruhuko

Ingingo ya 9: Ubutumwa

Ingingo ya 10: Amahugurwa

Ingingo ya 11: Imicungire y'ubundi buryo bwo guhindura umwanya ku bakozi b'Urwego

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA, IMYITWARIRE N'INSHINGANO

Ingingo ya 12: Uburenganzira bw'umukozi w'Urwego nk'umuturage

Ingingo ya 13: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Urwego n'igihe cy'ubuzime bwabyo

Ingingo ya 14: Umushahara w'umukozi w'umusigire

Ingingo ya 15: Kuvuza abakozi b'Urwego n'abo bashinzwe

Ingingo ya 16: Imyitwarire mbonezamurimo

Article 6: Statutory positions of an employee of the Office

Article 7: Employee of the Office in service

Article 8: Types of leaves

Article 9: Mission

Article 10: Training

Article 11: Management of other statutory positions for employees of the Office

CHAPTER IV: RIGHTS, PROFESSIONAL CONDUCT AND OBLIGATIONS

Article 12: Rights of an employee of the Office as a citizen

Article 13: Salaries and fringe benefits for employees of the Office and their period of prescription

Article 14: Salary for an acting employee

Article 15: Healthcare of employees of the Office and their dependents

Article 16: Professional conduct

Article 6: Positions statutaires d'un agent de l'Office

Article 7: Agent de l'Office en activité

Article 8: Types de congés

Article 9: Mission

Article 10: Formation

Article 11: Gestion des autres positions statutaires pour les agents de l'Office

CHAPITRE IV: DROITS, ETHIQUE PROFESSIONNELLE ET OBLIGATIONS

Article 12: Droits d'un agent de l'Office en tant que citoyen

Article 13: Salaires et autres avantages accordés aux agents de l'Office et leur période de prescription

Article 14: Salaire d'un agent assurant l'intérim

Article 15: Soins médicaux des agents de l'Office et leurs dépendants

Article 16: Ethique professionnelle

<u>Ingingo ya 17:</u> Kubuzwa gutangaza amakuru	<u>Article 17:</u> Prohibition to disclose information	<u>Article 17:</u> Interdiction de communiquer des informations
<u>Ingingo ya 18:</u> Imirimo itabangikanywa n'akazi	<u>Article 18:</u> Incompatibilities	<u>Article 18:</u> Incompatibilités
<u>Ingingo ya 19:</u> Uburyo bwo guhana ikosa ryo mu kazi	<u>Article 19:</u> Modalities of imposing a disciplinary sanction	<u>Article 19:</u> Modalités d'imposer une sanction disciplinaire
<u>Ingingo ya 20:</u> Uburenganzira bwo kujurira	<u>Article 20:</u> Right to appeal	<u>Article 20:</u> Droit de recours
<u>Ingingo ya 21:</u> Uburyo bwo kujurira icyemezo cyo mu rwego rw'ubuyobozi	<u>Article 21:</u> Modalities of administrative appeal	<u>Article 21:</u> Modalités du recours administratif
<u>Ingingo ya 22:</u> Kuregera inkiko	<u>Article 22:</u> Filing a case in court	<u>Article 22:</u> Recours juridictionnel
<u>UMUTWE WA V: KUVA MU KAZI</u>	<u>CHAPTER V: TERMINATION OF SERVICE</u>	<u>CHAPITRE V: CESSATION DE FONCTIONS</u>
<u>Ingingo ya 23:</u> Impamvu zo kuva mu kazi	<u>Article 23:</u> Grounds for termination of service	<u>Article 23:</u> Motifs de cessation de fonctions
<u>Ingingo ya 24:</u> Amategeko agenga kuva mu kazi	<u>Article 24:</u> Provisions governing termination of service	<u>Article 24:</u> Dispositions régissant la cessation de fonctions
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 25:</u> Uburyo bw'imicungire y'imihigo	<u>Article 25:</u> Management of performance contracts	<u>Article 25:</u> Gestion des contrats de performance
<u>Ingingo ya 26:</u> Ikoreshwa ry'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta	<u>Article 26:</u> Application of the Law establishing the general statutes for public service	<u>Article 26:</u> Application de la loi portant statut général de la fonction publique

Ingingo ya 27: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 27: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 27: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 28: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 28: Repealing provision

Article 28: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 29: Igihe iteka ritangirira gukirikizwa

Article 29: Commencement

Article 29: Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 23/02/2017

ITEKA RYA PEREZIDA N°38/01 RYO KU WA 22/02/2017 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE Y'ABAKOZI B'URWEGO RW'UBUGENZUZI BUKURU BW'IMARI YA LETA

PRESIDENTIAL ORDER N°38/01 OF 22/02/2017 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTES GOVERNING EMPLOYEES OF THE OFFICE OF THE AUDITOR GENERAL OF STATE FINANCES

ARRETE PRESIDENTIEL N° 38/01 DU 22/02/2017 PORTANT STATUT PARTICULIER DU PERSONNEL DE L'OFFICE DE L'AUDITEUR GENERAL DES FINANCES DE L'ETAT

Twebwe, KAGAME Paul;
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Le Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 79/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 20;

Pursuant to Law n° 79/2013 of 11/9/2013 determining the mission, organization and functioning of the Office of the Auditor General of State Finances, especially in Article 20;

Vu la Loi n° 79/2013 du 11/09/2013 portant missions, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat, spécialement en son article 20;

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 2;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 2;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 25/05/2016, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and adoption by the Cabinet, in its session of 25/05/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 25/05/2016;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi bose b'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'ijambo "Urwego"

Muri iri teka, ijambo "Urwego" bivuga Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta.

**UMUTWE WA II: GUSHAKA ABAKOZI,
KUBASHYIRA MU MYANYA N'IGIHE
CY'IGERAGEZWA**

Ingingo ya 3: Ibigenderwaho mu gushaka abakozi

Gushaka abakozi bikorwa gusa iyo:

- 1° umwanya w'umurimo uteganyijwe mu mbonerahamwe y'imirimo;
- 2° umwanya w'umurimo wagenewe amafaranga;
- 3° umwanya w'umurimo ukeneye umukozi.

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Order

This Order establishes the special statutes governing all employees of the Office of the Auditor General of State Finances.

Article 2: Definition of the term "Office"

For the purpose of this Order, the term "Office" refers to the Office of the Auditor General of State Finances.

**CHAPTER II: RECRUITMENT,
APPOINTMENT AND PROBATION
PERIOD**

Article 3: Conditions for recruitment

Recruitment is carried out only if:

- 1° the job position exists on the organizational structure;
- 2° the job position was budgeted for;
- 3° the job position is vacant.

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté porte statut particulier régissant tout le personnel de l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.

Article 2: Définition du terme « Office »

Aux fins du présent arrêté, le terme « Office » signifie l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat.

**CHAPITRE II: RECRUTEMENT,
NOMINATION ET STAGE PROBATOIRE**

Article 3: Conditions de recrutement

Le recrutement est effectué uniquement si:

- 1° le poste d'emploi existe sur la structure organisationnelle;
- 2° le poste d'emploi a été budgétisé;
- 3° le poste d'emploi est vacant.

Official Gazette n° Special of 23/02/2017

Kugira ngo umuntu yinjizwe mu bakozi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:	Conditions for admission as a staff member are as follows:	Les conditions de recrutement comme membre du personnel sont les suivantes:
1° kuba ari Umunyarwanda;	1° to be a Rwandan;	1° être de nationalité rwandaise;
2° kuba afite imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko nibura;	2° to be at least eighteen (18) years old;	2° être âgé d'au moins dix-huit (18) ans;
3° kuba atarigeze akatirwa burundu igihano cy'igifungo cy'amezi atandatu (6) kujyana hejuru;	3° not to have been sentenced in a final judgment to a term of imprisonment of at least six (6) months;	3° ne pas avoir été condamné par un jugement définitif à une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois;
4° kuba yujuje ibisabwa kuri uwo mwanya upiganirwa;	4° to fulfil requirements for the position;	4° remplir les conditions requises pour le poste;
5° kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta.	5° not to appear on the blacklist of persons who cannot be public servants.	5° ne pas figurer sur la liste noire des personnes ne pouvant pas être agents de l'Etat.

Ingingo ya 4: Uburyo bwo gushaka abakozi no kubashyira mu myanya

Gushaka abakozi bikorwa binyuze mu ipiganwa.

Uretse Umugenzuzi Mukuru, Umugenzuzi Mukuru Wungirije n'Umunyamabanga Mukuru, abandi bakozi b'Urwego bashakwa n'Urwego kandi bagashyirwa mu myanya n'Umugenzuzi Mukuru.

Article 4: Recruitment and appointment procedures

Recruitment is carried out through competition.

With exception of the Auditor General, Deputy Auditor General and the Secretary General, other employees of the Office are recruited by the Office and appointed by the Auditor General.

Article 4: Modalités de recrutement et affectation

Le recrutement s'effectue par concours.

A l'exception de l'Auditeur Général, l'Auditeur Général Adjoint et le Secrétaire Général de l'Office, les autres employés de l'Office sont recrutés par l'Office et affectés par l'Auditeur Général.

Amategeko ngengamikorere y'Urwego ateganya uburyo bwo gushaka abakozi no kubashyira mu myanya.

The internal rules and regulations of the Office determine the modalities for recruitment and appointment of the staff.

Les modalités de recrutement et d'affectation sont prévues par le règlement d'ordre intérieur de l'Office.

Ingingo ya 5: Igihe igeregezwa rimara

Article 5: Duration of the probation period

Article 5: Durée du stage probatoire

Umukozi mushya wese ugitangira akazi ahabwa igihe cy'igeragezwa cy'amezi atandatu (6), nyuma yacyo agakorerwa isuzumamikorere ryerekeye ubushobozi, ubumenyi n'imyitwaririre rikozwe n'umuyobozi umukuriye ku rwego rwa mbere, bikagenzurwa n'umuyobozi umukuriye ku rwego rwa kabiri.

Every new employee is subject to a probation period of six (6) months upon which an evaluation of performance in relation to competence, skills and conduct is carried out by his/her immediate supervisor and approved by his/her supervisor at second level.

Tout nouvel agent est soumis à une période d'essai de six (6) mois au cours de laquelle son supérieur hiérarchique direct évalue ses performances par rapport à ses compétences, ses aptitudes et ses connaissances et approuvées par le supérieur hiérarchique de l'agent au deuxième degré.

Umuyobozi ukuriye umukozi ku rwego rwa mbere agomba kumumenyesha amanota y'iryo suzumabushobozi nyuma y'igeragezwa, bitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uherye igihe isuzuma ryabereye.

The immediate supervisor is required to inform the employee of his/her performance results within five (5) working days from the end of the performance evaluation.

Le supérieur hiérarchique de l'agent au premier degré doit lui informer de ses résultats endéans cinq (5) jours ouvrables à partir de la date de l'évaluation.

UMUTWE WA III: UKO UMUKOZI W'URWEGO AGENGWA N'IYI SITATI

CHAPTER III: STATUTORY POSITIONS OF AN EMPLOYEE OF THE OFFICE

CHAPITRE III: POSITIONS STATUTAIRES D'UN AGENT DE L'OFFICE

Ingingo ya 6: Igihe umukozi w'Urwego agengwa n'iyi sitati

Article 6: Statutory positions of an employee of the Office

Article 6: Positions statutaires d'un agent de l'Office

Umukozi w'Urwego agengwa n'iyi sitati mu bihe bikurikira:

An employee of the Office is governed by this statute under the following situations:

Un agent de l'Office est régi par le présent statut quand il est dans l'un des cas suivants:

- 1° ari mu kazi;
- 2° yimuwe;

- 1° in service;
- 2° on transfer;

- 1° en activité;
- 2° en mutation;

Official Gazette n° Special of 23/02/2017

3° atijwe;	3° on secondment;	3° en détachement;
4° ashyizwe ahandi;	4° on disposal to another administration;	4° à la disposition d'un autre service;
5° ahagaritswe ku kazi by'agateganyo;	5° on suspension of duties;	5° en suspension de fonctions;
6° ahagaritse akazi mu gihe kizwi.	6° on leave of absence for a specific period.	6° en disponibilité pour une durée déterminée.

Ingingo ya 7: Umukozi w'Urwego uri mu kazi

Umukozi w'Urwego aba ari mu kazi iyo ari mu mwanya w'umurimo yashyizwemo kandi akora koko imirimo ijyanye n'uwo mwanya.

Umukozi w'Urwego afatwa nk'uri mu kazi iyo ari:

- 1° mu kiruhuko;
- 2° mu butumwa bw'akazi;
- 3° mu mahugurwa.

Ingingo ya 8: Ubwoko bw'ibiruhuko

Uretse ikiruhuko cya buri mwaka, umukozi w'Urwego ashobora guhabwa ikiruhuko cy'ingoboka, icyo kubyara, icy'uburwayi cyangwa uruhushya hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Article 7: Employee of the Office in service

An employee of the Office is in service if he/she occupies a position to which he/she was appointed and effectively performs duties related to that position.

An employee of the Office is considered to be in service when he/she is:

- 1° on leave;
- 2° on official mission;
- 3° on training.

Article 8: Types of leaves

In addition to statutory annual leave, an employee of the Office may benefit an incidental leave, maternity leave, sick leave or authorized absence in accordance with provisions of the law establishing the general statutes for public service.

Article 7: Agent de l'Office en activité

Un agent de l'Office est en activité lorsqu'il occupe le poste auquel il a été nommé et exerce effectivement les fonctions liées à ce poste d'emploi.

Un agent de l'Office est considéré comme étant en activité, lorsqu'il est :

- 1° en congé;
- 2° en mission officielle;
- 3° en formation.

Article 8: Types de congés

Outre le congé statutaire annuel, un agent de l'Office peut bénéficier d'un congé de circonstances, de maternité, de maladie ou d'une permission d'absence conformément à la loi portant statut général de la fonction publique.

Ingingo ya 9: Ubutumwa

Mu nyungu z'akazi, Umugenzuzi Mukuru ashobora kohereza umukozi mu butumwa imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Ubutumwa n'ibigenerwa abakozi bajya mu butumwa bikurikiza amategeko agenga ubutumwa ku bakozi ba Leta bagengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 10: Amahugurwa

Mu nyungu z'akazi, Umugenzuzi Mukuru ashobora kohereza umukozi w'Urwego mu mahugurwa imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Amahugurwa n'ibigenerwa abakozi bayajyamo bikurikiza amategeko agenga amahugurwa ku bakozi ba Leta bagengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 11: Imicungire y'ubundi buryo bwo guhindura umwanya ku bakozi b'Urwego

Uburyo bwo guhindura umwanya buvugwa mu ingingo ya 6 y'iri teka, mu duce twayo, aka 2°, 3°, aka 4°, aka 5° n'aka 6° bukorwa hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta barebwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Article 9: Mission

In the interests of service, the Auditor General may send an employee of the Office on a mission within or outside the country.

Modalities for the mission and related benefits are in accordance with regulations governing missions for public servants under the law establishing the general statutes for public service.

Article 10: Training

In the interests of service, the Auditor General may send an employee of the Office for training within or outside the country.

Modalities for training and related benefits are in accordance with regulations governing training for public servants under the law establishing the general statutes for public service.

Article 11: Management of other statutory positions of employees of the Office

Statutory positions referred to in Article 6 of this Order, in points 2°, 3°, 4°, 5° and 6° apply in accordance with provisions applicable to public servants governed by the law establishing the general statutes for public service.

Article 9: Mission

Dans l'intérêt du service, l'Auditeur Général peut envoyer un agent de l'Office en mission à l'intérieur ou à l'extérieur du pays.

Les modalités de mission et avantages alloués aux agents en mission se conforment aux règlements régissant les missions pour les agents de l'Etat régis par la loi portant statut général de la fonction publique.

Article 10: Formation

Dans l'intérêt du service, l'Auditeur Général peut envoyer un agent de l'Office, en formation à l'intérieur ou à l'extérieur du pays.

Les modalités de suivi de formation et avantages alloués aux agents en formation se conforment aux règlements régissant la formation pour les agents de l'Etat régis par la loi portant statut général de la fonction publique.

Article 11: Gestion des autres positions statutaires pour les agents de l'Office

Les modalités de mettre les agents de l'Office dans des positions statutaires mentionnées à l'article 6 du présent arrêté, en ses points 2°, 3°, 4°, 5° et 6°, se conforment aux dispositions applicables aux agents régis par la loi portant statut général de la fonction publique.

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA, IMYITWARIRE N'INSHINGANO

Ingingo ya 12: Uburenganzira bw'umukozi w'Urwego nk'umuturage

Umukozi w'Urwego afite uburenganzira n'ubwisanzure nk'ubw'abandi baturage bose. Abukoresha hakurikijwe amategeko n'amabwiriza yubahirizwa mu gihugu.

Ingingo ya 13: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Urwego n'igihe cy'ubuzime bwabyo

Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi b'Urwego bigenwa hakurikijwe amahame agenderwaho mu kugena imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba Leta bagengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Uburenganzira ku birarane by'umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi w'Urwego buzima nyuma y'imyaka ibiri (2) ibarwa uherye igihe ubwo burenganzira bwagiriwe. icyakora, icyo gihe cy'ubuzime gisubikwa n'inyandiko isaba kwishyurwa cyangwa kuba umukoresha yaratangiyeye kubara ibyo agomba guha umukozi.

CHAPTER IV: RIGHTS, PROFESSIONAL CONDUCT AND OBLIGATIONS

Article 12: Rights of an employee of the Office as a citizen

An employee of the Office enjoys the rights and freedoms as other citizens. He/she exercises them in accordance with laws and regulations into force in the country.

Article 13: Salaries and fringe benefits for employees of the Office and their period of prescription

Salaries and fringe benefits for employees of the Office are determined in accordance with principles on determination of salaries and fringe benefits for public servants governed by the law establishing the general statutes for public service.

The right to outstanding salary and fringe benefits for employee of the Office expires after two (2) years from the date the right was established. However, the expiry is suspended by a written request of the employee to be paid or in case the employer started computing employment termination benefits for the employee.

CHAPITRE IV: DROITS, ETHIQUE PROFESSIONNELLE ET OBLIGATIONS

Article 12: Droits d'un agent de l'Office en tant que citoyen

Un agent de l'Office jouit des droits et libertés reconnus aux autres citoyens. Il les exerce conformément aux lois et règlements en vigueur dans le pays.

Article 13: Salaires et autres avantages accordés aux agents de l'Office et leur période de prescription

Les salaires et autres avantages pour les agents de l'Office sont fixés conformément aux principes relatifs à la détermination des salaires et avantages des agents de l'Etat régis par la loi portant statut général de la fonction publique.

Le droit aux arriérés de salaire et autres avantages d'un agent de l'Office est prescrit après deux (2) ans à partir du jour où le droit été acquis. Cependant, cette prescription est suspendue par une réclamation écrite de l'agent ou par le calcul de son décompte final par l'employeur.

Ingingo ya 14: Umushahara w'umukozi w'umusigire

Umukozi umaze iminsi irenga mirongo itatu (30) asigariyeho undi ahabwa umushahara n'ibindi bitangwa buri kwezi bijyanye n'umwanya w'umukozi asimbuye iyo ari byo byinshi. icyakora, ntibibangikanywa n'iby'umwanya uwo mukozi asanzwe akoraho.

Umushahara n'ibindi bihabwa umusimbura bitangira kubarwa kuva ku muni wa mirongo itatu n'umwe (31) w'ubusigire.

Ingingo ya 15: Kuvuza abakozi b'Urwego n'abo bashinzwe

Urwego rwunganira abakozi mu kwivuzwa no kuvuza abandi bashinzwe hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 16: Imyitwarire mbonezamurimo

Amategeko ngengamikorere y'Urwego ashyiziraho imyitwarire mbonezamurimo igomba kugenga abakozi b'Urwego.

Ingingo ya 17: Kubuzwa gutangaza amakuru

Umukozi w'Urwego abujijwe gutangaza ibyo yabonye cyangwa ibyo yumvise ari mu kazi

Article 14: Salary for an acting employee

An employee who is in acting position for more than thirty (30) days is entitled to the salary and other monthly benefits of that acting position if the associated benefits are higher. However, such benefits shall not be cumulated with those of his/her usual job position.

The salary and benefits for an acting employee are calculated from the thirty first (31st) day in the acting position.

Article 15: Healthcare of employees of the Office and their dependents

The Office provides healthcare support to employees and their dependents in accordance with relevant laws.

Article 16: Professional conduct

The internal rules and regulations of the Office establish the code of professional conduct for employees of the Office.

Article 17: Prohibition to disclose information

An employee of the Office is prohibited from disclosing any information he/she has seen or

Article 14: Salaire d'un agent assurant l'intérim

Un agent qui assure l'intérim au-delà de trente (30) jours jouit du salaire et d'autres avantages mensuels inhérents au poste d'intérim si ce salaire et avantages sont supérieurs à ce qu'il percevait. Cependant, ce salaire et avantages ne peuvent pas être cumulés avec ce que l'agent percevait à son poste réel.

Le salaire et les avantages à accorder à un agent qui assure l'intérim sont calculés à partir du trente et unième (31^{ème}) jour d'intérim.

Article 15: Soins médicaux des agents de l'Office et leurs dépendants

L'Office participe aux dépenses des soins médicaux de l'agent et des personnes à leur charge conformément aux dispositions en la matière.

Article 16: Ethique professionnelle

Le règlement d'ordre intérieur de l'Office établit le code d'éthique professionnelle pour les agents de l'Office.

Article 17: Interdiction de communiquer des informations

Il est interdit à un agent de l'Office de communiquer les faits qu'il a constatés ou

bijyanye n'imyanzuro y'ubugenzuzi itarashyirwa ahagaragara.

heard related to audit report that is yet to be released officially.

entendus sur le rapport d'audit qui n'est pas encore présenté officiellement.

Umugenzuzi Mukuru cyangwa uwo yabihereye ububasha ni we wenyine ushobora gutangaza raporo y'ibyakozwe. Ni we kandi ushobora kwemeza isakazwa ry'amakuru akubiye muri raporo amaze gusuzuma inyungu byagirira abaturage.

The Auditor General or any person delegated by him/her is solely responsible for the release of an audit report. He/she also has the prerogative to authorize the release of the content of such a report after having assessed whether such a release is of general interest.

L'Auditeur Général ou la personne déléguée par lui à cet effet est seul responsable de la publication du rapport d'audit. Il est également seul compétent pour autoriser la diffusion des informations contenues dans ce rapport après avoir examiné si une telle diffusion présente un intérêt général.

Ingingo ya 18: Imirimo itabangikanywa n'akazi

Article 18: Incompatibilities

Article 18: Incompatibilités

Imirimo ikurikira ntibangikanywa no kuba umukozi w'Urwego:

The following activities are incompatible with the status of employee of the Office:

Les activités suivantes sont incompatibles avec le statut d'employé de l'Office:

1° gukorera urundi rwego rwa Leta haba ku buryo buhoraho cyangwa ku buryo bw'amasezerano;

1° to work for another public institution either on a permanent or on contractual basis;

1° travailler pour une autre institution publique soit en permanence ou sur base d'un contrat;

2° gupiganira amasoko ya Leta;

2° to bid for public tenders;

2° soumissionner pour les marchés publics;

3° gukora umurimo wateza kugongana kw'inyungu n'akazi ashinzwe;

3° to carry out an activity that is likely to cause conflict of interest in regard to his/her duties;

3° exercer une activité susceptible de causer un conflit d'intérêt en rapport avec ses fonctions;

Umukozi w'Urwego ntiyemerewe kandi:

An employee of the Office is not also allowed:

L'employé de l'Office n'est non plus autorisé de:

1° gukorera igenzura uwo bafitanye isano iturutse ku gushyingirwa, kwishingira cyangwa iy'amaraso;

1° to audit activities of a family member by virtue of marriage, adoption or blood relationship;

1° faire l'audit des activités d'un membre de la famille en raison de

2° gukorera urwego yakozemo igenzura kandi umwaka umwe (1) utarashira uherye igihe iryo genzura ry'urwo rwego ryabereye.

Ingingo ya 19: Uburyo bwo guhana ikosa ryo mu kazi

Ibijyanye n'uburyo bwo gukurikirana no guhana umukozi w'Urwego wakoze ikosa ryo mu kazi bikurikiza ibiteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Icyakora, Urwego ntirugomba gusaba inama Minisiteri ifite abakozi mu nshingano zayo iyo rushaka gutanga igihano kiremerye.

Ingingo ya 20: Uburenganzira bwo kujurira

Umukozi w'urwego utishimiye icyemezo yafatiwe mu rwego rw'akazi, afite uburenganzira bwo kujuririra inzego z'ubuyobozi.

2° to work for an institution which the employee audited unless one (1) year has elapsed since that auditor was involved in the audit of that institution.

Article 19: Modalities of imposing a disciplinary sanction

Modalities of investigating and imposing a disciplinary sanction to an employee of the Office who committed a disciplinary fault are in accordance with relevant provisions of the law establishing general statutes for public service.

However, the Office shall not be required to seek prior opinion from the Ministry in charge of public service before imposing a heavy disciplinary sanction.

Article 20: Right to appeal

An employee of the Office who is dissatisfied with a decision taken against him/her has the right to administrative appeal.

lien de mariage, d'adoption ou sanguin;

2° travailler pour une institution pour laquelle l'employé a fait l'audit à moins qu'une (1) année soit écoulée depuis que cet employé a participé dans l'audit pour cette institution.

Article 19: Modalités d'imposer une sanction disciplinaire

Les modalités de poursuivre et d'infliger une sanction disciplinaire à un agent de l'Office ayant commis une faute se conforment aux dispositions de la loi portant statut général de la fonction publique.

Cependant, l'Office n'est pas tenu de solliciter l'avis préalable du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions avant d'imposer une sanction disciplinaire grave.

Article 20: Droit de recours

Un agent de l'Office qui s'estime lésé par la décision prise pour lui a droit d'introduire un recours administratif.

Ingingo ya 21: Uburyo bwo kujuririra icyemezo cyo mu rwego rw'ubuyobozi

Mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi amenyeshejwe icyemezo yafatiwe, iyo kitamunyuze, uwo mukozi ashobora kujuririra mu nyandiko Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, agahabwa igisubizo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye umunsi ubujirire bwakiriwe.

Ingingo ya 22: Kuregera inkiko

Umukozi w'Urwego utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'umuyobozi wajuririwe cyangwa iyo adahawe igisubizo mu gihe cyagenwe mu ngingo ya 21 y'iri teka, ashobora gutanga ikirego mu rukiko rubifitiye ububasha hakurikijwe amategeko abigenga.

UMUTWE WA V: KUVA MU KAZI

Ingingo ya 23: Impamvu zo kuva mu kazi

Umukozi w'Urwego ava mu kazi iyo:

- 1° ahagaritse akazi mu gihe kitazwi;
- 2° asezeye burundu ku kazi;

Article 21: Modalities of administrative appeal

An employee who is not satisfied with a decision against him/her may submit a written appeal to the Auditor General of State Finances within five (5) working days from the date he/she was notified of the decision and the answer to his/her appeal is taken within a period not exceeding fifteen (15) working days from the date of receipt of the appeal.

Article 22: Filing a case in court

An employee of the Office who is not satisfied with a decision taken by the authority who took the decision at the appeal level or when no answer was provided within the period mentioned in Article 21 of this Order, may file a case to the competent court in accordance with relevant laws.

CHAPTER V: TERMINATION OF SERVICE

Article 23: Grounds for termination of service

Termination of service takes place if an employee of the Office:

- 1° is granted leave of absence for a non-specific period;
- 2° deliberately resigns;

Article 21: Modalités du recours administratif

Un agent qui n'est pas satisfait de la décision prise contre lui peut introduire un recours écrit auprès de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat endéans cinq (5) jours ouvrables à partir de la notification de la décision à l'intéressé et la réponse lui est communiquée endéans quinze (15) jours ouvrables à partir de la réception de la lettre de recours.

Article 22: Recours juridictionnel

Un agent de l'Office qui n'est pas satisfait d'une décision prise par l'autorité qui a pris la décision au niveau de l'appel ou lorsque aucune réponse n'a été fournie dans le délai mentionné à l'article 21 du présent arrêté, peut saisir la juridiction compétente conformément aux lois en la matière.

CHAPITRE V: CESSATION DE FONCTIONS

Article 23: Motifs de cessation de fonctions

La cessation de fonctions a lieu lorsque l'agent de l'Office:

- 1° bénéficie d'une mise en disponibilité pour une durée indéterminée;
- 2° démissionne volontairement;

Official Gazette n° Special of 23/02/2017

3° asezerewe mu kazi;

4° yirukanywe burundu;

5° ahawe ikiruhuko cy'izabukuru;

6° apfuye.

3° is removed from office;

4° is dismissed;

5° retires;

6° dies.

3° est démis d'office;

4° est révoqué;

5° est admis à la retraite;

6° décède.

Ingingo ya 24: Amategeko agenga kuva mu kazi

Ibijyanye n'uburyo bwo kuva mu kazi ku bakozi b'Urwego bikurikiza ibiteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 25: Uburyo bw'imicungire y'imihigo

Uburyo bw'imicungire y'imihigo igamije umusaruro w'ibikorwa ku bakozi b'Urwego bugenwa n'amategeko ngengamikorere y'Urwego.

Ingingo ya 26: Ikoreshwa ry'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta

Itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta rikurikizwa ku bakozi b'Urwego igihe hari ibidateganywa n'iri teka.

Article 24: Provisions governing termination of service

Modalities for termination of service for employees of the Office are in accordance with relevant provisions of the law establishing the general statute for public service.

CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

Article 25: Management of performance contracts

Modalities of result based performance management for employees of the Office are determined by internal rules and regulations of the Office.

Article 26: Application of the Law establishing the general statutes for public service

The Law establishing the general statutes for public service is applicable to employees of the Office in case of any lacuna in this Order.

Article 24: Dispositions régissant la cessation de fonctions

Les modalités de cessation de fonctions se conforment aux dispositions applicables de la loi portant statut général de la fonction publique.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Article 25: Gestion des contrats de performance

Les modalités de gestion des performances basées sur des résultats pour les agents de l'Office sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Office.

Article 26: Application de la loi portant statut général de la fonction publique

La loi portant statut général de la fonction publique s'applique aux agents de l'Office en cas de lacune du présent arrêté.

Ingingo ya 27: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Article 27: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 27: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 28: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Article 28: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 28: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 29: Igihe iteka ritangirira gukirikizwa

Iri teka ritangira gukirikizwa ku muni ryatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 29: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 29: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° Special of 23/02/2017

Kigali, ku wa **22/02/2017**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on **22/02/2017**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **22/02/2017**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux